**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**IKIGEGA CYIHARIYE CY'INGOBOKA**
**BP: 7359 KIGALI**

---

## ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO

**Ikigega Cyihariye cy'Ingoboka (Special Guarantee Fund)** kirashaka gutanga isoko ry'akazi ku mpuguke mu by'ubumenyi bw'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka **"Expert Automobile".** Ako kazi kazagengwa n'amasezerano y'imikoranire (contract) hagati y'iyo mpuguke n'Ikigega.

Ibisabwa mu gupiganira ako kazi biboneka ku cyicaro cy'Ikigega kiri mu Kiyovu, umujyi wa Kigali, akarere ka Nyarugenge, umurenge wa Muhima, mu nyubako ya Umoja House iri hafi y'icyicaro gikuru cya RSSB, muri etage ya 5 mu biro by'umukozi ushinzwe amasoko. Ibisabwa biboneka kandi ku rubuga rwa Internet rw'Ikigega ari rwo: www.ikigega.rw ndetse no ku rubuga rwa digmarket ari rwo: www.market.gov.rw.

Ibaruwa isaba akazi ikubiyemo umwirondoro w'ugasaba, iherekejwe na kopi z'impamyabumenyi, igiciro cye ku kazi k'igenagaciro ahamagarirwa gukorera Ikigega ndetse n'ibindi byose bikenerwa mu gupiganira amasoko ya Leta. Ibyo bikenewe bigomba kuba byageze aho Ikigega Cyihariye cy'Ingoboka gikorera kuri aderesi yavuzwe haruguru bitarenze tariki ya 26/10/2016 saa yine za mu gitondo (10:00 am). Ibaruwa isaba akazi yandikirwa Umuyobozi Mukuru w'Ikigega Cyihariye cy'Ingoboka, ikaba yanditseho:**"Isoko ryo gupiganira akazi k'impuguke mu by'ibinyabiziga"**

Gufungura amabaruwa bizaba kuri uwo munsi saa yine n'igice (10:30) za mu gitondo, bizabera mu ruhame mu cyumba cy'inama cy'Ikigega, abapiganwa bahari cyangwa bahagarariwe.

Abifuza ibindi bisobanuro bashobora kandi guhamagara kuri telefoni igendanwa **N° 0783281308**

Bikorewe i Kigali, ku wa 20/09/2016

**Dr. Joseph NZABONIKUZA**
**Umuyobozi Mukuru**